

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

RAPORO Y'INAMA NKURU YA GATANU Y'ABANA



**KIGALI, SERENA HOTEL,
KU WA 12 UGUSHYINGO 2009**

IBIRIMO

1. INTANGIRIRO

- 1.1. Igihe n'aho Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yabereye
- 1.2. Abitabiriye inama
- 1.3. Ubufatanye bw'inzego mu gikorwa cyo gutegura Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana
- 1.4. Intego
- 1.5. Umusaruro wari utegerejwe

2. UKO INAMA YA GATANU Y'ABANA YAGENZE

- 2.1 Umuhango wo gufungura inama
- 2.2 Ingingo zibanzweho n'abafashe ijambo hafungurwa inama

3. IBIGANIRO BYATANZWE

- 3.1. Uruhare rw'abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa
- 3.2. Uruhare rw'inzego zitandukanye mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'abana
- 3.3. Ingamba za Leta mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana
- 3.4. Uburezi bw'abana bugarijwe n'ibibazo n'abafite ibibazo byihariye
- 3.5. Itorero ry'abana
- 3.6. Gahunda yo kuringaniza imbyaro n'uburenganzira bw'abana

4. IBIBAZO N'IBYIFUZO BY'ABANA

- 4.1 Ibibazo abana babajije
- 4.2. Ibyifuzo abana bagaragaje

5. UKO INAMA YA GATANU Y'ABANA YASHOJWE

- 5.1 Imyanzuro y'Inama ya Gatanu y'Abana
- 5.2 Umuhango wo gusoza

6. Kwizihiza isabukuru y'imyaka 20 ya CRC

7. IMIGEREKA

IMPINAMAGAMBO

- AGR : Umuryango w'abagide mu Rwanda ;
- ASR : Umuryango w'abasukuti mu Rwanda ;
- CNDP : Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu;
- CNLG : Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenocide;
- CNLS : Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya SIDA ;
- CNUR : Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- CRC : Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana
- EAC : Eastern African Community
- EDPRS : Gahunda y'Iterambere ry'Igihugu no kurwanya ubukene;
- MIGEPROF : Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango
- MINALOC : Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ;
- MINEAC : Minisiteri ishinzwe Umuryango w'ibihugu bya Eastern African Community
- MINEDUC : Minisiteri y'Uburezi
- MININTER : Minisiteri y'Umutekano mu gihugu ;
- MINISPOC : Minisiteri ya Siporo n'Umuco;
- UNICEF : Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku bana;

1. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo guha umwana umwanya wo kugira uruhare mu kubaka igihugu, hashyizweho Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana bahagarariye bagenzi babo. Iyo nama iba buri mwaka ku rwego rw'igihugu, igahuza abana baturutse mu mirenge yose y'igihugu. Abana baraterana bakitorera ugomba kubahagararira, mu gihe cyo gutegura inama bakamuha ibyo azabavugira. Nyuma y'inama, abo bana bahura na bagenzi babo babitoreye bakabagezaho imyanzuro iba yavuye mu Nama.

Iyo nama ngarukamwaka itegurwa hagamijwe guha abana urubuga batangiramo ibitekerezo n'ibyifuzo byabo batavugiwe n'abantu bakuru. Ni urubuga rwatekerejwe kandi rugashyirwaho kugira ngo abana babashe guhura nk'urungano, bungurane inama n'ibitekerezo, babishyikirize abayobozi n'ababyeyi mu ijwi rimwe kandi ryabo bwite. Akamaro k'inama nk'izi kandi ni ugutegurira abana kuzaba abaturage, ababyeyi, n'abayobozi beza b'ejo hazaza, bityo bikarema icyizere ko Umuryango nyarwanda w'ejo hazaza na wo uzaba mwiza.

Ibitekerezo by'abana batanga mu nama nkuru zabo bifatwa nk'umusanzu mu kubaka igihugu. Abana ubwabo nibo biyoborera inama ndetse bagakora n'imirimo isabwa ngo inama igende neza: kwakira abashyitsi, gutegura no kuyobora inama, gutanga ibiganiro, n'ibindi.



Abana bakira abatumurwa

Mu mwaka wa 2004, kuva tariki ya 29 kugeza tariki ya 30 Mata, ku nshuro ya mbere mu Rwanda, habaye Inama Nkuru ya Mbere y'Abana yateraniye i Kigali, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Icyizere cy’umwana mu bumwe n’ubwiyunge : Kwicuza kw’abantu bakuru”**. Iyo nama yahuje abana 250 baturutse mu Turere twose tw’ Igihugu.

Inama Nkuru ya Kabiri y'Abana yabaye tariki ya 19 Mutarama 2006, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Twubake u Rwanda rubereye abana”**.

Muri gahunda yo gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro yemeranyijweho mu Nama Nkuru y'Abana, kuva tariki 22 Werurwe kugera tariki ya mbere Mata 2007, habayeho inama z'abana ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali zatangiye ibitekerezo kuri gahunda y'Iterambere ry'igihugu no kurwanya ubukene (EDPRS) hagamijwe gutegura Inama Nkuru ya Gatatu y'Abana.

Ku itariki ya 30-31 Nyakanga 2007 habaye Inama Nkuru ya Gatatu y'Abana, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Umwana muri gahunda y'amajyambere rusange y' igihugu”**.

Inama Nkuru ya Kane y'Abana yabaye ku itariki ya 11 Ugushyingo 2008, ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Uruhare rw'abana mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide”**.

Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yabaye tariki ya 12 Ugushyingo 2009 ifite insanganyamatsiko igira iti: **“Uruhare rw'Abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa.”**

Iyi nsanganyamatsiko yatoranyijwe n'abana ubwabo muri Mata 2009 aho buri Karere kegeranyije insanganyamatsiko zatanze n'abana umunsi bagezwagaho imyanzuro y'Inama Nkuru ya Kane muri buri murenge, nyuma hafatwa insanganyamatsiko yagize ubwiganze kurusha izindi (85%).

Iyi nsanganyamatsiko ijyanye na gahunda y'igihugu cyacu y'uko mu Rwanda hacika umuco mubi w'ihohoterwa iryo ariryo ryose, by'umwihariko ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa abana.

1.1. Ubufatanye bw'inzego mu gikorwa cyo gutegura Inama Nkuru ya Gatanu y'abana.

Mu rwego rwo kwitegura imigendekere myiza y'Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana, hashyizweho komite tekinike ibishinzwe. Iyo komite yari igizwe n'abakozi bahagarariye inzego zikurikira : MIGEPROF nk'urwego rwa Leta ruyoboye icyo gikorwa, MINEDUC, MINALOC, MINISANTE, MIFOTRA, MINICYOUTH, MINISPOC, MINEAC, CNDP, CNUR, CNLS, CNLG, Polisi y'Igihugu, imiryango itegamiye kuri Leta: AGR, ASR, Editions Bakame, UYISENGA N'MANZI nk'umuryango ufite uruhare mu gucunga imikoreshereze y'ingengo y'imari iteganyirijwe icyo gikorwa na UNICEF nk'Umufatanyabikorwa n'Umuterankunga.

1.2. Igihe n'aho Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yabereye

Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yabereye i Kigali mu Karere ka Nyarugenge, muri SERENA HOTEL kuwa **12 Ugushyingo 2009**.

Ingengabihe yari iteye itya:

- Tariki ya 10/11/2009: Kuhagera kw'abana no gucumbikirwa mu mazu y'Umuryango utabara imbabare w' u Rwanda (Croix Rouge Rwandaise/ Red Cross/CRR) ku Kacyiru.
- Tariki ya 11/11/2009: Imyiteguro y'abana (kugabana inshingano no gutegura ibiganiro abana ubwabo bazitangira mu nama)
- Tariki ya 12/11/2009: Inama nyirizina (muri SERENA HOTEL).
- Tariki ya 13/11/2009: Gutaha kw'abana.

1.3. Abitabiriye inama

- Abana 416 baturutse mu mirenge yose baje bahagarariye abandi n'intumwa z'Uturere 30 zibaherekeje;
- Abana 3 bahagarariye abandi bana bo mu nkambi z'impunzi ziri mu Rwanda.
- Umwana uhagarariye abandi bana bo mu kigo cya Komisiyo yo gusubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero.

- Abana 7 baturutse mu bihugu bya Kenya na Tanzaniya n'abantu bakuru 5 babaherekeje;
- Abayobozi bakuru bahagarariye inzego zinyuranye za Leta
- Abatumirwa bahagariye ibigo byigenga, amashyirahamwe y'abikorera, imiryango itari iya Leta n'iharanira inyungu rusange ndetse n'abahagarariye Amashami y'Umuryango w'Abibumbye ikorera mu Rwanda (One UN).

1.4 Intego

Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yari igamije kurebera hamwe uruhare n'umusanzu abana batanga mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa, kuko abana, bo shingiro ry'amajyambere arambye bagomba kugira uruhare mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa iryo ari ryo ryose.

1.5 Umusaruro wagezweho.

- Abana bahagarariye bagenzi babo babonanye n'Abayobozi Bakuru b'Igihugu baganira ku mibereho y'abana, ku burenganzira bwabo ndetse banakangurirwa kuzaza inshingano zabo.
- Ababyeyi, abarezi n'abayobozi bamenye ibitekerezo n'ibyifuzo by'abana banabagezaho gahunda y'ibibakorerwa.
- Abana bakanguriwe kuzaba abaturage b'inyangamugayo muri byose no kwirinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose ribakorerwa.
- Iyi nama yerekanye ko abana nabo bagomba kugira uruhare mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa, haba mu myifatire yabo, mu mvugo, mu nyandiko n'ibindi bikorwa bigamije cyangwa bihamagarira abantu kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose.
- Abana kandi bagaragaje ubwabo ibyo basaba ababyeyi babo, abarezi babo, abayobozi ndetse n'abandi bana bagenzi babo bijyanye n'ibikwiye gukorwa kugira ngo ihohoterwa ribakorerwa ririmburanwe n'imizi yayo haba mu miryango, mu mashuri n'ahandi hose.
- Abana bizihirije hamwe n'abayobozi isabukuru ya 20 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana ubusanzwe yagombaga kwizihizwa tariki ya 20 Ugushyingo 2009.

2. UKO INAMA YA GATANU Y'ABANA YAGENZE

2.1. UMUHANGO WO GUFUNGURA INAMA

Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda **Paul KAGAME** ari na we wari umushyitsi mukuru.



Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ari hamwe (kuva ibumoso) na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, umwana uhagarariye abandi n'Umuyobozi wa UNICEF mu Rwanda.

Abandi bafashe ijambo muri uwo muhango wo gutangiza iyo nama ni Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Dr Jeanne d'Arc MUJAWAMARIYA, uhagarariye UNICEF, mu Rwanda Bwana Joseph FOUMBI, n'umwana wari uhagarariye bagenzi be bari bitabiriye inama.

2.2. INCAMAKE Y'IBYAVUZWE N'ABAFASHE IJAMBO HAFUNGURWA INAMA

2.2.1. Incamake y'ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda



Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yatangiye ashimira abitabiriye inama muri rusange ariko cyane cyane abana bavuye mu bihugu by'abaturanyi bya Kenya na Tanzaniya, ababwira ko bakwisanga nk'abari iwabo. Akomeza avuga ko igihugu cyanyuze mu bintu nk'ibyho u Rwanda rwanyuzemo, kigomba kwita cyane ku kwigisha abana, kandi bagahabwa amahirwe yo kugira uruhare mu bikorwa byose, cyane cyane ibibakorerwa, kugira ngo bashobore gutegurwa neza. Igihugu cyacu gishyigikiye uburenganzira bw'umwana; abana bahawe urubuga mu Rwanda, nta mwana ukwiye gufukiranwa. icyakora abana bakwiye kumva ko bafite inshingano yo kumvira no gufatanya n'ababarera.

Yaboneyeho umwanya kandi wo kugaruka ku nshingano abana bafite:

- ✓ Kwigira
- ✓ Kugira ikinyabupfura
- ✓ Kubaha abandi bantu abo aribo bose (ababarera hamwe n'abandi babatoza ibyiza)
- ✓ Kumvira, gufasha ababyeyi no gufatanya nabo (kumvira mu byiza bagahakana ikibi)
- ✓ Kwirinda ibibi bakazirikana ibizabagirira akamaro mu buzima bwabo

Yavuze kandi ko inama zihuza abana zigomba kugera ku bintu bifatika, kandi inzego zose zibishinzwe zigashyira mu bikorwa imyanzuro yumvikanyweho, hashingiwe ku ihame ry'ubufatanye.

Yagarutse no ku nsanganyamatsiko y'iyi nama avuga ko ikigamijwe ari ukurwanya no guca burundu ihohoterwa iryo ari ryo ryose, by'umwihariko irishingiye ku gitsina. Avuga ko abana bagomba kwitabwaho by'umwihariko, baba bafite ababyeyi cyangwa se barererwa mu miryango yabakiriye; abo babyeyi n'iyi miryango bakwiye guha abana umwanya uhagije, bakabaha urukundo n'uburere bikwiriye.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yagize ati: “Akazi ntigakwiye guherana umubyeyi ku buryo abura umwanya wo guha umwana. Umwanya ababyeyi baha abana babo, nawo bakwiye kuwubona nk'aho ari akazi. Kudaha abana umwanya ni ukubahemukira, nabyo ubwabyo bisa n'aho ari icyaha. Abana nabo babyumve ndetse n'ababyeyi babimenye.”

Yakomeje asezeranya abana bahagarariye abandi ko abayobozi b'igihugu cy'u Rwanda kandi nk'ababyeyi, bahari kugira ngo bakemure ibibazo. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yasezeranyije abana ishyirwaho rya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana, asaba inzego zibishinzwe kwihutisha ishyirwaho ryayo.

Yahamagariye abana gutinyuka, bagatanga ibitekerezo kandi bakagira uruhare mu bibakorerwa byose. Yabwiye abana ko kwiga no guhabwa uburere ari ishoramari rikomeye, kuko mu gihe bize neza kandi bagize imyitwarire myiza, aribo igihugu ndetse n'isi bizaheraho bitera imbere.

Yashoje ijamba rye yizeza abana ko igihugu cy'u Rwanda kitazatezuka ku guharanira uburenganzira bwabo, kandi ko abayobozi ku nzego zitandukanye bazakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo ibibazo abana bahura nabyo bibonerwe umuti.

2.2.2. Ijambo ry'ikaze rya Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango



Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yatangiye ashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wigomwe imirimo myinshi akaba yaje kwifatanya mu nama ngarukamwaka igamije guha abana urubuga rwo gutangiramo ibitekerezo n'ibyifuzo byabo kugira ngo na bo bajye bagira uruhare mu bibakorerwa.

Yavuze kandi ko iyi nama ifite umwihariko kuko ibaye mu gihe u Rwanda rwifatanya n'isi yose mu kwizihiza isabukuru y'imyaka 20 amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'umwana amaze atangajwe n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye. Undi mwihariko w'iyi nama ni uko uretse abana 416 bavuye mu mirenge, hatumiwe abana bahagarariye abana b'impuzi n'abana bahagarariye bagenzi babo bo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba.

Yavuze kandi ko insanganyamatsiko y'iyi nama igira iti: “Uruhare rw'Abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa”, yatoranyijwe n'abana ubwabo, binyuze mu mahuriro yabo ku rwego rw'imirenge, ikaba kandi ijyanye na gahunda igihugu cy'u Rwanda cyihaye yo guca umuco mubi

w'ihohoterwa iryo ariryo ryose, by'umwihariko ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa abana.

Yashoje ashimira abagize uruhare bose mu itegurwa ry'inama ya gatanu y'abana kandi yongera gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kuba yaje kwifatanya n'abana.

2.2.3. Ijambo ry'uhagarariye UNICEF mu Rwanda.



Yatangiyeye ashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, abana n'abandi bitabiriye inama, ashimira kandi u Rwanda n'abanyarwanda kubera uruhare rugaragara mu guha umwana agaciro.

Yibukije kandi insanganyamatsiko z'inama z'abana zabanjirije iyi. Avuga ko ibi byose bigaragaza ko u Rwanda ari igihugu kibereye umwana.

Yagarutse kandi ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: «Uruhuru rw'abana mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa», yemeza ko rwose ijyanye n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'abana. Yishimiye kandi ko abana bitabiriye inama bahawe kopi y'inshamake y'ayo masezerano yanditse mu mvugo yoroheye abana mu Kinyarwanda.

Yasabye abana kwishimira umwanya baba bahawe wo kuvugiramo ibibari ku mutima, kuko atari ibihugu byose by'isi biha abana amahirwe n'umwanya nk'uwo mu Rwanda bahabwa.

Yashoje avuga ko, mu izina ry'Umuryango w'abibumbye mu Rwanda, biyemeje ko bazafasha uko bishoboka kose kugira ngo imyanzuro izava muri iyi nama ya gatanu y'abana izashyirwe mu bikorwa.

2.2.4. Ijambo ry'umwana uhagarariye abandi bana.



Umwana watowe n'abana bitabiriye inama yatangiye ashimira abayobozi bari bitabiriye inama kandi abifuriza ikaze no kugubwa neza muri iyi Nama Nkuru ya Gatanu y'Abana.

Yashimiye kandi by'umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kubera uruhare rukomeye yagize mu guha abana urubuga mu iterambere ryabo ndetse n'iry'igihugu. Ibi bikaba bigaragazwa no kuba yigomwe umwanya akaza kwifatanya nabo.

Yanavuze ko iyi nama itezweho umusaruro ukomeye kuko ari umwanya mwiza wo kumva ibitekerezo bitanzwe n'abana ubwabo, umwanya wo kumva ingamba abayobozi b'igihugu cy'u Rwanda bafite mu guca burundu ihohoterwa rikorerwa abana, ndetse n'umwanya wo kungurana ibitekerezo n'abana bavuye mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Uburasirazuba.

Umwana uhagarariye abandi yashoje asaba abo bireba bese gushyira mu bikorwa imyanzuro izava muri iyi nama, kandi yongeraga gushimira abayobozi bakuru b'igihugu bitabiriye iyi nama.

3. IBIGANIRO BYATANZWE

3.1 URUHARE RW'ABANA MU KURWANYA IHOTERWA RIBAKORERWA

a. IKIGANIRO CY'UHAGARARIYE ABANA

Umwana uhagarariye abandi yagejeje ku bitabiriye inama uko abana babona uruhare rwabo mu kurwanya ihohoterwa ribakorerwa. basanze cyane cyane bakwibanda kuri ibi bikurikira:

- Kudahishira abakoresha abana imirimo ivunanye n'imirimo mibi ikoreshe abana muri rusange
- Gukora ubuvugizi bugamije kwamagana abakorera abana ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rindi iryo ari ryo ryose
- Gukora ubukangurambaga ku bana bagenzi babo n'ababyeyi ku byerekeye ihohoterwa rikorerwa abana kugira ngo habe ubufatanye mu kurirwanya.
- Kumenya guhakanira abashora abana mu busambanyi n'ibindi bibi byose (shuga mami na ba shuga dadi)
- Kumenya no guhakanira mu kinyabupfura n'icyubahiro ababyeyi baramutse bashatse gushora abana mu bikorwa bibi
- Kumenya kudaha akato umwana wese wakorewe ihohoterwa, ahubwo ukamwegera ukamuhumuriza.

b. UBUHAMYA BW'UMWANA UHAGARARIYE ABANDI

Umwana witwa Solange MANIRIHO wo mu Murenge wa Kinoni, Akarere ka Burera, yatanze ubuhamya avuga uko kubera yagiye yitabira Inama Nkuru z'abana, yahavanye ubumenyi bwamufashije kugira inama abandi bana ndetse n'ababyeyi.

Yavuze ko yabonye undi mwana wari umaze imyaka 2 avuye mu ishuri, akaba yaragiye akamwegera akamuganiriza, akamubaza igutuma yavuye mu ishuri akaba yarahisemo

kujya gukorera amafaranga. Ati ubona ejo hawe hazaza ari hehe? Uwo mwana yamusobanuriye ko ari ababyeyi be bamuvanye mu ishuri, bamwohereza gukorera amafaranga. Solange yabonye n'ababyeyi b'uwo mwana, arabingira bemera gusubiza umwana mu ishuri, ubu uwo mwana ari mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye kandi ariga neza.

Mu gusoza ubuhamya bwe, Solange yasabye ko n'ibindi bihugu byajya bikoresha Inama Nkuru z'Abana kuko zibigisha kandi zikabungura byinshi.

c. UMWANA UHAGARARIYE ABANA BO MU BIHUGU BYA KENYA NA TANZANIYA

Umwana uhagarariye abandi bana b'abashyitsi baturutse muri Kenya na Tanzaniya, mu kiganiro yatanze, yabanje kuvuga ko umuntu uhohotera undi ari wa wundi ukoresha imbaraga cyangwa ububasha afite ngo agirire undi nabi abizi kandi abishaka.



Yagize ati mbere yo kureba uko ihohoterwa rikorerwa abana ryakumirwa, abantu bakwibaza impamvu ziritera. Muri izo mpamvu, iz'ingenzi ni ubukene butuma ababyeyi

bananirwa kwita ku bana babo, bakabareka bakajya mu muhanda cyangwa bakazerera mu yindi miryango, cyangwa se bagashyingirwa imburagihe. Indi mpamvu ni ubujiji butuma uburenganzira bw'abana butazwi neza, cyangwa hose. Ikindi ni amakimbirane mu ngo hagati y'ababyeyi atuma batandukana, akenshi umubyeyi w'umugabo usigaranye abana akabafata nabi, rimwe na rimwe ndetse agahohotera abana be b'abakobwa. Yanavuze ihohoterwa riterwa n'abayobozi bahangana bagatera imvururu zishingiye ku moko maze abana b'inzirakarengane bakahagirira ihohoterwa rikabije.

Uyu mwana washimishijwe no kuba yaratumiwe mu Rwanda muri iyi nama y'abandi bana, yifuje ko Ibihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba byari bikwiye kugira politiki imwe yo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana, bigashyiraho amategeko n'amabwiriza rusange muri urwo rwego, bikagira serivisi rusange zo kugira inama no gufasha abana bahohotewe, n'ingamba zihamye zo guhana bikomeye abagaragayeho ibyaha byo guhohotera abana.

Yashoje agira ati uburenganzira bw' abana ni nka bibiliya, yari ikwiriye kogezwa hose cyane cyane mu karere kagizwe n'ibihugu byacu (EAC).

3.2. IKIGANIRO CYA MINISITIRI W'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

Iki kiganiro cyatanzwe na Dr Jeanne d'Arc MUJAWAMARIYA, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Yabanje kwibutsa uburenganzira bw' ikiremwa-muntu muri rusange nk'uko buteganyijwe mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko igihugu cyacu kigenderaho.

Yakomeje avuga mu nshamake uburenganzira bw'abana bugomba kwitabwaho by'umwihariko. Avuga ko ubu burenganzira buboneka mu masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana igihugu cyacu cyashyizeho umukono, amasezerano nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana no mu mategeko na Politiki igihugu cyacu kigenderaho.

Yagize ati: “Iyo bumwe cyangwa bwinshi muri ubu burenganzira butubahirijwe bavuga ko umwana yahohotewe; uwabigizemo uruhare wese, uwanze gutabara cyangwa gutabariza uhohoterwa n’uwabimenye akabihishira bakurikiranwa n’amategeko bakabihanirwa”.

Minisitiri Jeanne d’Arc Mujawamariya yashimangiye ko Leta y’u Rwanda ifatanyije n’abafatanyabikorwa yahagurukiye kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose n’irikorerwa abana by’umwihariko.

Yavuze kandi ko uruhare rw’ababyeyi rukomeye mu kubungabunga uburenganzira bw’abana babo no kubarinda ihohoterwa. Ku bireba MIGEPROF, Minisitiri Jeanne d’Arc yabwiye abitabiriye Inama Nkuru ya Gatanu y’Abana ko kurengera abana bikorwa mu buryo butandukanye harimo, gushyiraho Politiki na Gahunda bigenderwaho mu kubungabunga uburenganzira bw’umwana, gushyiraho amategeko arengera abana no gusaba ko yubahirizwa.

3.3 IKIGANIRO CY’UHAGARARIYE POLISI Y’IGIHUGU

Uhagarariye Polisi y’Igihugu yatangiye abwira abana ingamba za Leta, amategeko arengera abana na gahunda zitandukanye zigamije gukumira no kurwanya ihohoterwa. Mu ngamba zashyizweho na Polisi y’Igihugu iz’ingenzi ni izi zikurikira:

1. Gukangurira abantu bose kwirinda guhohotera abana

Polisi y’igihugu ikora ikangurambaga mu mahuriro atandukanye harimo no mu mashuri aho abana bakangurirwa kwirinda ababashukisha utuntu cyangwa babasezeranya kubarihira ibikenewe ngo bashobore kwiga.

Polisi y’igihugu ikangurira abantu kwirinda ibyaha bitandukanye birimo icyaha cyo kwiba abana, icyaha cyo gusambanya abana, icyaha cyo gukubita abana no kubaha ibihano ndenga kamere, n’icyaha cyo gukuramo inda, icyaha cyo gushyingira abana imburagihe n’ibindi.

2. Kurwanya abakora ibyaha bihohotera abana

Uhagarariye Polisi y’Igihugu yasobanuye ko mu buryo bwo kurwanya ibyaha, Polisi ikora ibi bikurikira:

- Yashyizeho urwego rwihariye rushinzwe kurwanya ihohoterwa ry’abana n’irikorerwa mu ngo

- Guhugura abapolisi mu gukumira no gukurikirana ibyo byaha
- Gushakisha no gufata abanyabyaha
- Gutabara abahohotewe bayiyambaza bakoresheje imirongo ya telefoni itishyirwa (**3512, 113, 115, 117** na **114** ya One Stop Center).

Yashoje asaba abana kudatinya cyangwa ngo bashidikanye kugana Polisi igihe bahohotewe cyangwa babonye abandi bahohoterwa.

3.4. IKIGANIRO CY’UHAGARARIYE KOMISIYO Y’IGIHUGU Y’UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Komiseri Kanyange Anne-Marie, yasobanuye inshingano za Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa muntu ihabwa n’ Itegeko rigena imiterere n’imikorere yayo, harimo n’izo ihabwa n’itegeko ryerekeye uburenganzira bw’umwana n’uburyo bwo kumurinda ihohoterwa.

Yavuze ko mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zayo, Komisiyo yashyizeho urwego rushinzwe igenzura ry’ iyubahirizwa ry’uburenganzira bw’umwana “observatoire des droits de l’enfant” rushinzwe by’umwihariko gukurikirana uko uburenganzira bw’umwana bwubahirizwa, kumenya uko buhagaze, gukumira ihohoterwa ry’umwana no gukora ubuvugizi kugira ngo ubwo burenganzira bwubahirizwe.

Yagize kandi ati kugira ngo izo ntego zigerweho hashyizweho za komite zikorera mu nzego eshatu zitandukanye: ku rwego rw’Umurenge, Akarere, no ku rwego rw’Igihugu. Izo komite zigizwe n’abahagarariye inzego zinyuranye zifite mu nshingano zazo guteza imbere no kurengera umwana kandi muri buri Komite harimo abana bahagarariye abandi. Yamenyesheje abari mu nama ko uwahohotewe yatabaza akoresheje telefoni itishyurwa **No: 3430**.

Mu gusoza yabwiye buri muturarwanda ko afite inshingano yo kurengera uburenganzira bw’umwana no kumurinda ihohoterwa, kubera ko umwana ari we mizero y’ejo hazaza.



Nyakubahwa Perezida wa Sena na Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu nama nkuru y'abana

3.5. IKIGANIRO CY'UHAGARARIYE MINISITERI Y'UBUTABERA

Uhagarariye Minisiteri y'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta yungirije, yabwiye abana ko iyo Minisiteri ishyira imbaraga cyane mu gukumira ihohoterwa, gutabara abahohotewe, no guhana abakoze ihohoterwa.

Gukumira ihohoterwa

Ibi Minisiteri ibikora ku buryo bukurikira

- gukora ubukangurambaga mu rwego rwo gukumira abahohoterwa bakiri munda cyangwa bamaze kuvuka
- guha abana uburenganzira bwo kumenya ababyeyi bababyaye
- guha abana uburenganzira bwo kwandikishwa kandi bakagira ubwenegihugu
- kurinda abana gushyingirwa mbere yo kuzuzwa imyaka 21 keretse mu gihe inzego zibishinzwe zabitangiye uburenganzira.

Gutabara abahohotewe

Minisiteri ifatanyije n'abandi bafatanyabikorwa

- ipima DNA kugira ngo nk'umubyeyi wihakanye umwana abeshya amenyekane
- yashyizeho urwego rushinzwe kwita by'umwihariko ku bahohotewe cyane cyane abana, uru rwego rukagena n'ababuranira abana muri buri rukiko rwisumbuye
- yihutisha imanza z'abana
- yashyizeho ibiro by'ubufasha mu by'amategeko mu turere 12 ikaba iteganya n'izindi mu turere 5 mbere y'uko uyu mwaka wa 2009 ushira
- yashyize mu bushinjacyaha urwego rushinzwe kurengera abahohotewe.

Guhana abakoze ihohoterwa

Yibukije abana ko hariho amategeko atandukanye ahana abahohoteye abandi, abasaba gutajya bahishira abakora ihohoterwa no gutanga amakuru igihe bamenye umwana uhohoterwa.

3.6 IKIGANIRO KU BUREZI BW'ABANA BAFITE IBIBAZO BYIHARIYE.

Umunyabanga wa Leta muri Minisiteri w'Uburezi, Dr Mathias HAREBAMUNGU yibukije abana ko amashuri abanza yigirwa ubuntu, kandi ko nk'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME yabisabye muri 2003, igice cya mbere cy'amashuri yisumbuye nacyo kigirwa ku buntu kuva uyu mwaka w'amashuri wa 2009 watangira.

Yakomeje avuga ko abana bacikije amashuri bahabwa amahirwe yo kujya muri catch up, impfubyi za Jenocide zigafashwa n'ikigega FARG, abandi bana b'imfubyi kubera izindi mpamvu, abakene, abatwaye inda, etc...bafashwa n'ikigega cy'uburezi kiri mu Mirenge, MINEDUC ikaba ishyiramo inkunga ya buri mwaka ingana n'amafaranga miliyoni 90 mu mirenge yose.

Abana bafite ubumuga bwihariye bigira ubuntu amashuri abanza nk'abandi, mu yisumbuye no muri kaminuza ntibarihe.

Ku mbogamizi, yavuze ko batarashobora gukemura ibibazo by'itinda ry'inkunga igenerwa abana bishyurirwa na FARG n'ikigega cy'uburezi no kuba iyo nkunga idahagije. Ingamba nkuru ikaba iyo kongera ubushobozi bw'ibi bigega byombi.

3.7. IKIGANIRO KU ITORERO RY'ABANA.

Bwana RUCAGU Boniface, Umuyobozi Mukuru w'Itorero ry'Igihugu yahaye ikiganiro abana bitabiriye inama nkuru y'abana nk'abazaba abatoza b'itorero ry'abandi bana n'ingimbi. Amaze kubasobanurira itorero icyo ari cyo mu mucu nyarwanda no kubabwira mu ncamake indangagaciro u Rwanda rugenderaho, yabasobanuriye ibigomba kubaranga nk'abatoza b'intore z'abana n'ingimbi, bimwe bikaba ari ibi bikurikira:

- Kwihuta no kubahiriza igihe mu byo bakora byose
- Kubaha ababyeyi n'abarezi bakajya babatangaho urugero rwiza
- Kwiha intego y'ibyo ushaka kugeraho, ukarangiza ibyo watangiye kandi ukabinoza; aha yashimangiye cyane ibyerekeye kwiga n'imirimo yo mu rugo.
- Kwiyubaha ukagira ikinyabupfura mu mvugo, ukagira isuku ku mubiri n'aho utuye, no gushyira imbere ibitekerezo byubaka cyangwa bifasha abandi;
- Gukunda u Rwanda n'abanyarwanda ugaharanira icyateza imbere igihugu cyacu;

Yabwiye abana kandi imiziro yunganira izo ndangagaciro, ni ukuvuga ibyo abana bagomba kwirinda nka "kirazira". Ati: kirazira kurenzaho ngo utiteranya, kirazira kwiba, kwica, gushukana, kwangana, gushotorana, guhembera ingengabitekerezo ya Jenocide, n'ibindi byinshi.

Mu gusoza, yabwiye abana ko nk'abatoza b'itorero ry'abana n'ingimbi basabwe kwigirira icyizere n'ishema ry'abatoza.

4. IBIBAZO N'IBYIFUZO BY'ABANA



Nyuma y'ibiganiro bitandukanye byatanzwe na bamwe mu bayobozi bakuru b'igihugu, abana bahawe umwanya wo kwisanzura maze babaza ibibazo kandi batanga ibitekerezo n'ibyifuzo.

Abayobozi nabo, buri wese ku bimureba, basubije ibibazo babajijwe baboneraho no kwizeza abana ko ibyifuzo byabo bizasuzumwa neza bigashyirwa mu bikorwa. Kubera umwanya muto, ibibazo bitabonewe umwanya wo kubazwa no gusubizwa, hemejwe ko bishyirwa mu nyandiko, bikazashyikirizwa inzego zibishinzwe kugira ngo bisubizwe, nyuma ibisubizo bikazagezwa ku bana igihe cya gusakaza imyanzuro.

4.1. BIMWE MU BIBAZO ABANA BABAJIJE

4.1.1. Ibibazo abana babajije mu rwego rw'ihohoterwa ribakorerwa

- Uburyo bwihutirwa bwo kumenyesha ihohoterwa no gukemura ibindi bibazo abana bahura nabyo bishamikiye kuri ryo.
- Uburyo umwana ashobora kumenya ababyeyi bombi iyo nyina yanze kumubwira, nyamara umwana yazagira ibibazo nyina ati sanga so n'ubundi ntacyo wari umariye
- Uburyo bwo kurega umubyeyi uhana abana mu buryo bw'indengakamere
- Invugo ikomeretsa abana
- Abarimu badaha abana amanota kubera gushaka kubasambanya
- Ababyeyi bagira igitsure gikaze abana babo bigatuma batoroka iwabo
- Abana babana n'ubwandu bwa SIDA bakaba bahabwa akato.

4.1.2. Ibibazo abana babajije mu rwego rw'uburezi

- Abayobozi b'amashuri banga guha abana indangamanota zabo kubera batishyuye amafaranga y'ishuri
- Kwirukanirwa kubura amafaranga y'ishuri
- Abayobozi b'amashuri bangira abana kujya kwivuza
- Kubona udutabo twa Kirazira ku rwego rwa buri murenge
- Ababyeyi batarera abana babo neza, batabatoza ikinyabupfura
- Agahimbazamusyi gasabwa ababyeyi abana bakabigiraho ingaruka
- Abana bafashwa n'ikigega cy'uburezi atari bo bakene kubera abayobozi babyihererana
- Kuzabazwa mu cyongereza kandi abana bose batarakimenya.

4.1.3. Ibibazo rusange byabajijwe

- Ingamba zafatirwa abana babana n'ubumuga badahabwa agaciro, ababyeyi bakabahisha ngo batabaseka.
- Amahuriro na clubs z'abana zitagaragara mu mirenge.
- Ingamba za Leta ku bana basigajwe inyuma n'amateka

4.2. BIMWE MU BYIFUZO BYATANZWE N'ABANA

1. Kugira abana babana n'ubumuga bahagarariye bagenzi babo mu Nama Nkuru z'Abana
2. Guhana abarezi n'abayobozi b'amashuri birukana abana kubera ko batishyuye amafaranga y'agahimbazamusyi
3. Kugira uruhare mu ijongora ry'abana bugarijwe n'ibibazo bagomba gufashwa n'imishinga
4. Kubyara bake kugira ngo ushobore kubaha imibereho myiza isesuye
5. Gukorera ikangurambaga ryerekeye kuringaniza urubyaro mu midugudu aho kurikorera mu bigo nderabuzima kuko ari kure y'abaturage
6. Gukorerwa isiramura nta mbogamizi
7. Gukangurira ababyeyi banduye SIDA kureka (kongera) kubyara



Bamwe mu Bayobozi bakuru bungurana ibitekerezo

5. UKO INAMA YA GATANU Y'ABANA YASHOJWE

5.1. Imyanzuro y'Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana

Imyanzuro y'Inama Nkuru ya Gatanu y'Abana yakusanyijwe n'abana hakurikijwe ibiganiro byatanzwe, ibibazo n'ibyifuzo abana bagejeje ku bitabiriye inama kimwe n'ibiganiro bitandukanye byatanzwe n'abayobozi b'inzege za Leta. Iyi myanzuro igaragaza ingamba abana, ababyeyi, abaturanyi, Leta y'u Rwanda n'ibindi bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba bakwiye gushyira mu bikorwa mu rwego rwo kurandura ihohoterwa rikorerwa abana.

5.1.1. Imyanzuro kw'ihohoterwa rikorerwa abana

5.1.2. Uruhare rw'abana

- Kudahishira abakoresha abana imirimo ivunanye
- Gukora ubuvugizi wamagana abakorera abana ihohoterwa
- Gukora ubukangurambaga ku bana n'ababyeyi ku byerekeye ihohoterwa rikorerwa abana
- Kumenya guhakana (muri rusange ndetse n'aho yaba ari umubyeyi)
- Kudaha akato umwana wese wakorewe ihohoterwa no kumuhumuriza

5.1.3. Uruhare rw'ababyeyi

- Kudahishira abakorera abana babo ihohoterwa
- Kuganiriza abana ku birebana n'uburenganzira bwabo
- Kugaragariza abana babo urukundo no kudahishira abakorera abana babo ihohoterwa
- Kugaragariza abana babo urukundo no kubagenera igihe aho kubatoza kubatinya
- Kugeza kwa muganga vuba abana babo igihe bakorewe ihohoterwa
- Kwandikisha abana mu bitabo by'irangamimerere bakivuka
- Gusura abana babo ku mashuri bakanakurikirana imyigire n'imyitwarire yabo
- Gukurikirana abakoreye abana babo ihohoterwa
- Kwirinda ubuharike
- Kwirinda kubyara abana badashoboye kurera
- Kwita ku bana babo bafite ubumuga
- Gufata abana bafite ibibazo byihariye (nk'ubumuga) kimwe n'abandi bose
- Kudahisha abana babo bafite ubumuga cyangwa ubukene

5.1.4. Uruhare rw'abaturanyi

- Gufata umwana wese nk'uwabo
- Kuba ijisho ry'abandi babyeyi bagenzi babo mu gihe badahari
- Kugira inama umubyeyi ushobora kuba adafata neza umwana we

5.1.5. Uruhare rwa Leta n'abandi bafatanyabikorwa

- Guhanisha ibihano bikomeye abantu bose bakoreye abana ihohoterwa
- Gutegura inama nyuma ya buri muganda yigisha ababyeyi uburenganzira bw'umwana
- Kugenzura ko inkunga zigenewe abana zibageraho
- Kugenzura imikorere no guha ingufu komite zo kurwanya ihohoterwa ku rwego rw'imidugudu
- Gushyiraho abayobozi bajijutse cyane cyane mu midugudu yo mu cyaro
- Gushyiraho umukozi ushinzwe ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana akanabikurikirana ku nzego zose
- Guha umwana uhagarariye abandi icyangombwa kimuranga kinamufasha kwiranga no kwakirwa aho bikenewe hose
- Kongera umubare w'ibigo byita ku bana bafite ubumuga bwihariye no kongerera ubushobozi ibisanzweho
- Kongerera ubushobozi ba Marayika murinzi kugira ngo bafashe abana batishoboye
- Gutumira umwana uhagarariye abana babana n'ubumuga muri buri karere mu mahuriro y'abana ya buri mwaka
- Gukurikirana ishyirwaho rya komisiyo y'igihugu ishinzwe abana ngo itangire imirimo yayo vuba
- Gukwirakwiza udutabo tw'indangagaciro na kirazira
- Gushinga amatorero y'abana mu midugudu
- Gufasha abana bitabiriye inama kuba abatoza b'amatorero y'abana mu mirenge
- Gushyiraho clubs zo gufasha abana batishoboye mu bigo by'amashuri
